KAMONYI
AMAKURU
Edition 6: Nyakanga-Kamena 2023
IGISHUSHANYO MBONERA CY'IMIKORESHEREZE Y'UBUTAKA CY'AKARERE 2050
IKINYARWANDA

# Ikoreshwa ry'ubutaka mu karere ka Kamonyi rishingiye ku kubungabunga ibidukikije n'intadaro y'iterambere rirambye yejo hazaza



Hashize igihe u Rwanda rwarafashye ingamba mu bikorwa bigamije inzira y'iterambere rirambye ritanga ikizere binyuze mu kwirinda ingaruka ziterwa n'imihindagurikire y'ikirere, kurengera ibidukikije ndetse n'ikirere gitoshye binyuze muri politiki y'igihugu yo kubungabunga ibidukikije no gutuza neza abantu bajyenda bagana imijyi mu gihugu hose.

Kugira ngo nibura habeho imibereho myiza irangwa n'ikirere kibereye abaturage no kurinda ibidukikije, hagomba kufatwa ingamba nshya zo kugabanya imyuka ihumanya ikirere nibura ku kigero cya 38% mu mwaka wa 2030 binyuze mu bikorwa bigamije kugabanya ibihumanya ikirere. Izi ngamba z'itezwe ku bufatanye na buri wese, cyane cyane abafatanyabikorwa mu nzego z'ingenzi zirimo izishinzwe Ingufu z'amashanyarazi, Ubuhinzi, Amazi n'isuku, umutungo kamere n'imiturire.
Ibi kandi bikaba binajyanye n'ubushake bwo kugabanya ibyuka bihumanya ikirere no kurwanya imihindagurikire y'ikirere kw'Isi byiganjemo amapfa, imyuzure, isuri, umuyaga ukabije n'ibindi.
Ibi rero ni bimwe mu biteza imibereho mibi ku baturage irangwa n'inzara n'ubukene bukabije.

Niyo mpamvu rero guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere, hamwe no kubungabunga ubutaka n'ikoreshwa neza ryabwo bisaba gukurikiza amabwiriza azaba akubihe mu gishushanyombonera, hitabwa ku iterambere rirambye ry'abaturage.

Igishushanyo mbonera cy'imikoreshereze y'ubutaka cy'Akarere ka Kamonyi kirimo gutegurwa k'izibanda ku ngamba zishimangira cyane guhindura imyumvire ku baturage ku cyerekezo gishya no gushishoza ko nibura mu byemezo byose by'igenamigambi habaho kugenzura ko kurinda ibidukikije ari kimwe mu biza mbere y'ibindi byose mu mishinga iteganijwe yose ariko hitawe no kw'iterambere rusange rihuriweho na bose.
Ibi rero bisaba ko Akarere ka Kamonyi ka zashingira ku rutonde rw'umutungo kamere n'ibindi bintu bikaranga bigamije guteza imbere ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage kugirango nabo bifatikanye n'inzego zose mu kugera ku ntego ishimishije mu kurinda ibidukikije.

# Ikoreshwa ry' ingufu z'amashanyarazi atagira ingaruka ku bidukikije



Ikoreshwa ry'ingufu z'amashanyarazi mu Karere ka Kamonyi, kimwe no mu bindi bice by'igihugu mu iterambere rishingiye ku nganda n'ubucuruzi ni kimwe mu bintu bituma habaho kuzamuka mu bukungu n'iterambere muri rusange.

Mu Karere ka Kamonyi, nkuko nahandi mu gihugu bimeze, abaturage kenshi bakenera ibyo bacana kugira ngo bateke, bityo bigatuma batwika ibiti, amakara, n'ibikomoka ku myanda, ariko na none hakabaho bamwe bakoresha gaze cyangwa biyogazi mu guteka mu ngo no gukora ibindi bikorwa bitandukanye.

Ibyo byose, hiyongereyeho n'ibikomoka kuri peterori, byangiza cyane ibidukikije kandi bikanahumanya ikirere.

Igishushanyombonera cy'imikoreshereze y'ubutaka cy'Akarere ka Kamonyi kigomba rero kugena impiduka nshya n'ikoranabuhanga mu gushakisha buryo ki haboneka igufu z'amashanyarazi n'rindi koranabuhanga

**Igishushanyombonera cy'imikoreshereze y'ubutaka cy'Akarere ka Kamonyi kigomba rero kugena impiduka nshya n'ikoranabuhanga mu gushakisha buryo ki haboneka igufu z'amashanyarazi n'rindi koranabuhanga**

ryakoreshwa mu guteka zihagije zidafite ingaruka ku bidukikije. Ibi bizarushaho kubungabunga ibidukikije kugera ku rwego rushimijije.

Nubwo intego yo gushakisha uburyo butandukanye bw'ahazava ingufu z'amashanyarazi bushyirwaho kandi bugasuzumwa n'urwego rw'igihugu, izo ntego zishimangira kugabanya uburyo abaturage bakoresha bwangiza ikirere nko gucana ibiti, bakagerageza kuyoboka gukoresha uburyo bugezweho nk' ingufu z'amashanyarazi akomoka ku mirasire y'izuba, cyane cyane ku baturage bategereye umuyoboro w'amashanyarazi w'igihugu.

U Rwanda kandi rufite gahunda zinyuranye zigamije kugabanya ikoreshwa ry'amashanyarazi menshi zirimo gukwirakwiza amatara akoresha umuriro muke, gushyira mu bikorwa umushinga wa 'SolaRwanda' Solar Water Heaters (SWH), no gusimbuza amatara hagakoreshwa akoresha umuriro uringaniye azwi nka LED mu matara yo ku mihanda, bigamije kubungabunga ibidukikije.



# Kwagura ibikorwa by'inganda n'ubucuruzi mu iterambere riganisha ku kubungabunga aibidukikije

Urwego rw'ubucuruzi n'inganda narwo ruri mu bikunze kugira uruhare rugaragara mu kwangiza ibidukikije no guhumanya ikirere kw' Isi. Nubwo mu Rwanda, kimwe no mu bindi bihugu ku mugabane wa Africa bitaragira uruhare runini mu kwangiza ikirere biturutse ku byuka biva mu nganda nkuko bimeze mu bihugu bikungahagaye kw' Isi byitenzwe ko mu gihe kiri imbere u Rwanda ruzazamuka mu bukungu ahanini bitewe n'ishoramari mw'iyubakwa ry'inganda nyinshi zitandukanye. Ibyo rero bikazatuma habaho kwiyongera kw'ibyuka byangiza ikirere.

Ni muri ubwo buryo igishushanyo mbonera giteganya ko nibura habaho kwegera inzego z'abikorera kugirango bafatikanye n'abandi bafatanyabikorwa mu gushyiraho igamba nshya zakoreshwa hifashishijwe ikoranabuhanga n'ubundi buryo bushoboka bwagabanya ibyangiza ibidukikije, cyane cyane mu nganda zihabwa amahirwe menshi mu Karere ka Kamonyi nk' ubwubatsi, inganda zitunganya ibikomoka ku buhinzi, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, ndetse na kariyeri nkuko byose bifite uruhare runini mu iterambere ry'ubukungu bw'akarere.

Birakenewe rero ko igishushanyo mbonera kigomba gutanga icyerecyezo no gushyiraho ingamba zo guhashya ibyuka bituruka mu nganda n'ubucuruzi kugira ngo byuzuzanye n'ibindi bikorwa bigamije kuzamura ubukungu n'imibereho myiza ishingiye ku kurinda ibidukikije bityo rero bigatanga ikirere gitoshye.




# Uburyo bwo gutunganya no kujugunya imyanda nka kimwe mu mbogamizi mu kurinda ibidukikije

Ubwiyongere bw'abaturage mu mujyi n'izindi santire z'ubucuruzi mu Karere ka Kamonyi, kimwe nahandi hose mu gihugu bikomeje kongera ubwinshi bw'imyanda isaba gutuganywa no gushakirwa aho yashirwa habugenewe.

Imyanda ifite kinini yangiza ku bidukikije no guhumanya ikirere bityo rero bikadindiza iterambere rirambye rirangwa n'amahumbezi n'ubuzima bwiza bw'abaturage.

Ikigaragara n'uko Akarere gahura n'imbogamizi nyinshi mu gutunganya no guta imyanda ahabugenewe, dore ko nta kimoteri k'imyanda kizwi mu Karere, ariko hakaba hari imyanya yagenewe gukusanyirizwaho imyanda kandi nayo idahagije, ikajyanwa mu ki moteri kiri mu Karere ka Muhanga.

Akarere karangwa n'imibereho myiza ishingiye ku kurinda ibidukikije, cyane cyane ahatuwe, ni ngombwa ko kagira igishushanyombonera kigena uburyo imyanda yakusanywa neza, bishobotse igakoreshwa bundi bushya mu bindi bikorwa bishoboka cyangwa se ikajugunwa ahabugenewe.



Bimwe mu bintu bishoboka gugira ngo imyanda inatange undi musaruro n'uko ishobora gukoreshwa gutanga ingufu z'amashanyarazi, ifumbire cyangwa se gutunganya amazi ava mu myanda kugira ngo akoreshwe mu bundi buryo.

Hari n'izindi gahunda za leta zo kongera uburyo bwo gutunganya imyanda hifashishijwe ikoranabuhanga no gukora ifumbire mvaruganda bishobora gufasha mu guhangana n'imicungire y'imyanda mu Karere ka Kamonyi no mu gihungu muri rusange.

# Kurinda amashyamba nka kimwe mu bisubizo byo kubungabunga no guhashya ibyangiza ibidukikije



Imwe mu mbogamizi zikomeye mu kubungabunga ibidukikije n'umuvuduko amashyamba agenda azimira bitewe n'ibikorwa by'abaturage birimo gushakisha ubutaka bwo guturaho, n'inganda zikenerwa mu kuzamura ubukungu kugira ngo abaturage babashe kubaho no kubona ibibatunze.

Nubwo u Rwanda rwagiye rushyiraho ibikorwa byinshi byo kubungabunga no gutera amashyamba, ntibikuraho izamuka ry'umubare w'abaturage bagenda biyongera bityo bigatuma basatira ubutaka buteyeho amashyamba, bakanatema ibiti byo gucana, bityo bikangiza amashamba.

Mu Karere ka Kamonyi, harangwa n'umubare munini w'abantu bacana ibiti no gutwika amakara kandi bikaba bikomeje guhungabanya amashyamba Akarere gasanzwe gafite.

Gutema amashyamba na none biri mu bintu bivaho intandaro yo gutakaza urusobe rw'ibinyabuzima bityo bikagira ingaruka mbi mu kubungabunga ibidukikije.

Igishushanyombonera na none kigomba gutanga umurongo ngenderwaho uzafasha gucunga amashyamba mu buryo bwo kurengera umutungo kamere w'Akarere no kurinda kwangirika kw' ikirere.

Mu byo igishushanyombonera giteganya n'uko ku butaka buhanamye cyane nko ku dusozi  turi kuri dogere zirenga 55 no mu bice bidatuwe haterwa ibiti bishya, nibura bikagera ku rwego rwa 20% ku bikenewe mu mwaka wa 2025.

Byitezwe ko nibura ibyo byagenda bigabanya ibiza nk'isuri n'imyuzure mu Karere ka Kamonyi.

Ariko na none, kurinda amashyamba bisaba kongera imbaraga mu gushakisha ahandi hantu hava ingufu z'amashanyarazi cyane cyane gukoresha ingufu z'amashanyarazi ava ku mirasire y'izuba, bityo bigatuma amashyamba arushaho gufatwa neza.

# Gukomeza ibikorwa by'ikusanyamakuru ku bufatanye n'inzego z'ibanze  hagamije kunoza neza ikoreshwa ry'ubutaka



Ubutaka n'imikoreshereze yabwo mu karere ka Kamonyi, kimwe no mu bindi bice byose by'igihugu n'ikintu cy'inkora mutima ku baturage bose. Ibi biterwa nuko umubare mwinshi w'abaturage utunzwe no gukoresha ubutaka, cyane cyane mu buryo bwo kwihaza hifashishijwe ubuhinzi no gukenera ubutaka bwo gutura.

Icyakora, kugira ngo ubutaka burusheho kugirira akamaro ababutuyeho, hagomba kubaho imyumvire ihuriyeho na benshi ku bikorwa bicenewe kugira ngo iterambere rirushyeho kugera kuri buri wese. Ibi rero bihera mw'ikusanyamakuru ku butaka n'ubufatanye bw'abaturage mu guhitamo neza ibibabereye.

Ibi bikorwa bivamo kugena ubutaka ku bikorwa nkenerwa byose birimo ubuhinzi, ibikorwa remezo, imiturire, no kumenya neza ubutaka bukomye bityo rero bigasaba ubushakashatsi bwimbitse no kumenya imbogamizi zisaba ubufatanye bw'abaturage kugira ngo bahangane nazo.

Ibi bikorwa kandi bifasha abafatanyabikorwa  kumenya neza aho imishyinga itandukanye igamije iterambere ishobora kuba yashyirwa byoroshye.

Ibi bikorwa byatanze amakuru nkenerwa ku butaka buberanye n'ibikorwa remezo rusange n'imibereho myiza nk'amasoko, amasoko y'amazi, ahantu habereye  ubusitani, ahaberanye n'amashuri, amarimbi, aho bajugunya imyanda n'amazu y'ubucuruzi.

Ibi byose biteganijwe ko bizafasha cyane muri gahunda irambuye y'imikoreshereze y'ubutaka mu Karere kugira ngo byorohe kugera ku iterambere rirambye.



# Incamake y'inkuru zasohotse mu Kinyamakuru cy'igishushanyombonera cy'akarere ka Kamonyi n'ingingo z'inkuru ziteganijwe mu mezi ari imbere

Ibinyamakuru byacu byasohotse mu mezi ashize byagiye bitanga amakuru arambuye ku k'iciro tugezeho cya raporo yagatageganyo y'igishushanyombonera cy'akarere ka Kamonyi izwi nka Interim report. Muri bimwe by'ingenzi byagiye bitangwaho amakuru arambuye harimo ibijyanye n'ibikorwa byo guhitamo inyigo y'igishushanyombonera inogeye akarere ka Kamonyi n'iterambere n'inyigo y'ibikorwa remezo cyane cyane ibi bikurikira;

- Kubijyanye n'imiterere y'Akarere, ikinyamakuru cyo mukwezi kwa Kamena k'ibanze ku buhaname bw'ubutaka bw'Akarere, ubutaka bwagenewe ubuhinzi, ibishanga, inzuri n'ayandi masoko y'amazi mu Karere.

- Muri icyo kinyamakuru kandi hagaragayemo isesengura ku mahitamo y'inyigo y'igishushanyombonera inogeye Akarere ka Kamonyi.

- Ikinyamakuru cyakurikiyeho cyo mu kwezi kwa Nyakanga cy'ibanze ku bikorwa remezo mu ikorwa ry'igishushanyombonera, cyane cyane imihanda nyabagendwa iteguranye ubuhanga, parikingi z'imodoka nka kimwe mu bikenerwa, uburyo bunoze bwo gutwara abantu n'ibintu hamwe n'ibikorwa by'amazi, isuku n'isukura.

- Kandi muri icyo kinyamakuru hasohotsemo inkuru zifashye ku bikorwa byakozwe muri uko kwezi birimo gutegura ibishushanyomboneza imiturire, n'ibikorwa by'ikusanyamakuru n'uruhare rw'abaturage ku bijyanye n'ikoreshwa ry'ubutaka biberanye.

## Ingigo zigize inkuru ziteganijwe mu binyamakuru byacu bikurikira

Biteganijwe ko mu nkuru zizasohoka mu Kinyamakuru cyacu gikurikira zizaba zibanda cyane ku bikubiye mu kicuro cya gatatu cya raporo y'igishushanyombonera n'ibikorwa bitandukanye by'ikorwa ry'igishushanyombonera bizaba bimaze kugerwaho muri uko kwezi cyane cyane ibirebana n'ishyigwa mu bikorwa ry'igishushanyombonera mu bihe bitandukanye, izamuka mu ishoramari, n'imishinga fatizo iteganijwe mu kuzamura ubukungu bw'Akarere ka Kamonyi.

Mukomeze muryoherwa ninkuru zacu!

